**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IKIRENGA**
**B.P. 2197 KIGALI – RWANDA**

# I T A N G A Z O

Dushingiye ku myanzuro y'inama yateraniye ku cyicaro cy'Urukiko rw'Ikirenga kuri uyu wa 3 Gashyantare 2016, igahuza abayobozi bo mu Nzego z'Ubutabera zirimo Urukiko rw'Ikirenga, Minisiteri y'Ubutabera, Ubushinjacyaha Bukuru na Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Kuvugurura Amategeko hari n'uhagarariye Polisi y'Igihugu ;

Turabamenyesha ko hari impinduka zigiye gushyirwa mu bikorwa mu rwego rwo kurushaho kunoza no gucunga umutekano w'abantu n'ibintu mu nzego zavuzwe haruguru. Ni yo mpamvu kuva kuri uyu wa **Mbere** tariki ya **8 Gashyantare 2016** ingingo zikurikira zitangira gushyirwa mu bikorwa:

**Ingingo ya mbere :**
Iryari irembo rusange rigenewe gukoreshwa gusa n'abayobozi bakuru (VIP Entrance).

**Ingingo ya kabiri:**
Abakozi bose n'abagana Inzego z'Ubutabera zikorera ku Kimihurura bazajya binjirira ku irembo rireba kuri Hoteli Lemigo unyuze kuri Simba Supermarket.

**Ingingo ya gatatu:**
Abavugwa mu ngingo ya kabiri bazajya basohokera mu irembo ryo ku Bushinjacyaha Bukuru, rireba kuri Simba Supermarket.

**Ingingo ya kane :**
Buri mukozi agomba kuza ku kazi yitwaje ikarita y'akazi no kuyambara mu masaha y'akazi mu rwego rwo korohereza akazi abashinzwe umutekano. Abagana Inzego z'Ubutabera na bo bagomba kwitwaza ibibaranga byerekwa abashinzwe umutekano bakandikwa no mu gitabo cyabugenewe.

*Bikorewe i Kigali, ku wa 4 Gashyantare 2016*

SUPREME COURT

**Beth MURORA**
**Umunyamabanga Mukuru**

Beth MURORA
Secretary General
Supreme Court